abatangabuhamya imbere y'uwo munoteri.

her.

témoins devant lui.

Uwarazwe ku rwego urwo arirwo rwose, uwo bashakanye, umubyeyi we, umwana we cyangwa umuvandimwe we bahuje nibura umubyeyi umwe ntibashobora gufatwa nk'abatangabuhamya mu irage.

A legatee at any level, his/her spouse, parent, child or sibling who has at least a parent in common with him/her shall not be witnesses to any deed relating to a will.

Ne peuvent être témoins à un acte relatif à un testament, le légataire à quelque titre que ce soit, ni son conjoint, ni son parent, ni son enfant ou ses frères et sœurs avec lesquels il a un parent en commun.

Umunoteri ntashobora kwemeza inyandiko yabereye umutangabuhamya.

A notary shall not authenticate a deed in respect of which he/she has served as a witness.

Le notaire ne peut authentifier un acte pour lequel il a servi de témoin.

Ingingo ya 36: Isuzuma ry'umwirondoro, ubushobozi n'imikono

Article 36: Verification of identity, capacity and signatures

Article 36: Vérification d'identité, qualité et signatures

Mbere yo gushyira umukono ku nyandiko mpamo, umunoteri agenzura umwirondoro w'umuntu kimwe n'izindi nyandiko zigaragaza uwo ari we.

Prior to signing an authentic deed, the notary shall verify the identity of a natural person and other documents attesting to his/her identity.

Avant la signature d'un acte authentique, le notaire vérifie l'identité d'une personne physique ainsi que d'autres documents attestant son identité.

Umunoteri areba ko umuntu afite ubushobozi bwo gukora ibikorwa mu rwego rw'amategeko.

The notary shall ensure that a party has capacity to act legally.

Le notaire s'assure qu'une partie a la capacité de poser un acte juridique.

Mu gihe cyo kwemeza ko inyandiko ari mpamo, biteganyijwe n'amategeko, umunoteri agenzura ko abashyize imikono ku nyandiko aribo koko, akagaragaza mu nyandiko uburyo bwakoreshejwe mu kumenya umwirondoro w'umuntu, akemeza ko imihango iteganywa muri iyi ngingo yubahirijwe, akanerekana itariki n'ahantu inyandiko yakiriwe kimwe n'amazina yose y'abatangabuhamya.

During the authentication of deeds, in cases defined by law, the notary shall ensure the authenticity of the persons who affixed signatures on a document, specify in the deed the mode of identification of the person, attest the compliance with formalities required under this Article and mention the date and place where the deed has been received as well as full names of

Au cours de l'authentification des actes, dans les cas définis par la loi, le notaire s'assure de l'authenticité des personnes qui ont apposé leurs signatures sur un document, spécifie dans l'acte le mode d'identification de la personne, y atteste l'accomplissement des formalités prévues au présent article et y indique la date et le lieu où l'acte a été reçu ainsi que les noms

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

witnesses.

et prénoms des témoins.

Ingingo ya 37: Amasezerano yerekeranye n'imitungo itimukanwa

Mu kwemeza ko amasezerano ku ihererekanya ku mutungo utimukanwa rikorewe mu masezerano ari mpamo, umunoteri asuzuma niba ugiye gutanga uwo mutungo utimukanwa, ari uwe koko.

Abanditse ku mpapurompamo z'uwo mutungo utimukanwa bagomba kuba bahibereye.

Mu gihe badahari bagaragaza inyandiko zemewe n'amategeko ko bemera ko ihererekanya rikorwa.

Ingingo ya 38: Irage

Umunoteri ashyira umukono cyangwa igikumwe ku nyandiko z'irage z'umuntu ufite ububasha bwo guhagararira inyungu ze imbere y'amategeko. Izo nyandiko z'irage zikorwa hubahirizwa amategeko abigenga.

Kopi y'umwimerere y'inyandiko y'irage ishobora guhabwa abazungura bavugwa mu nyandiko iyo batanze icyemezo cy'urupfu cy'utanga irage mu gihe inyandiko yahawe uwaraze idashoboye kuboneka.

Article 37: Contracts on immovable property

In authenticating contracts on transfer of immovable property, the notary shall verify the transferor's ownership over the property.

Persons registered on the land titles must be present.

In case of their absence, they produce legal documents attesting their consent to the transfer.

Article 38: Will

A notary shall append his/her signature or fingerprint to the wills of a natural person with legal capacity. Such wills shall be drawn up in accordance with relevant laws.

The duplicate original of the will may be delivered to heirs mentioned in the will once they present the death certificate of the legator when the original copy of the will given to the testator cannot be found.

Article 37: Contrats relatifs aux biens immobiliers

En authentifiant les contrats relatifs à la cession des biens immobiliers, le notaire vérifie si ces biens appartiennent au cédant.

Les personnes enregistrées sur les titres de propriété doivent être présentes.

En cas de leur absence, elles produisent des documents légaux attestant de leur consentement à la cession.

Article 38: Testament

Le notaire authentifie, par sa signature ou son empreinte digitale, les testaments d'une personne physique ayant la capacité juridique. Ces testaments sont établis conformément aux lois en la matière.

Le double original du testament peut être délivré aux héritiers cités dans le testament dès qu'ils présentent le certificat de décès du testateur au cas où le document original donné au testateur est introuvable.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Ingingo ya 39: Amagambo yandikwa n'umunoteri

Umunoteri yandika ku nyandiko yemeza ko ari mpamo, agashyiraho umukono we ndetse na kashe.

Amagambo yandikwa kandi agashyirwaho umukono n'umunoteri ku nyandiko yemeza ko ari mpamo, ari muri kashe, ibikwa n'ikoreshwa by'izo kashe bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 40: Gushyira umukono ku nyandiko umunoteri yemeje ko ari mpamo

Mu gihe cyo gushyira umukono ku nyandiko, umunoteri amenyekanisha ibiyikubiyemo kandi agasobanurira abitabiriye igikorwa bashaka gukora icyo ari cyo ndetse n'ingaruka zacyo.

Inyandiko isaba umukono w'umunoteri, nyirayo kimwe n'umutangabuhamya bazishyiraho umukono umunoteri ahibereye.

Iyo hari ubumuga butuma umuntu adashobora gushyira umukono cyangwa igikumwe ku nyandiko, iyo nyandiko ishyirwaho umukono n'undi muntu ugomba kugaragaza impamvu uwo ahagarariye atashoboye gushyira umukono kuri iyo nyandiko.

Article 39: Writing made by a notary

The notary shall write on authenticated deeds, affix his/her signature and the stamp.

An Order of the Minister shall determine writing made and signed by the notary in authenticated deeds, the writing on stamps as well as the custody and use of the stamps.

Article 40: Signing notarized deeds

At the time of signing a deed, the notary shall read out the content of the deed and explain to parties the meaning and consequences of the deed they want to perform.

A document to be notarized shall be signed by parties and witnesses in the notary's presence.

If, due to disability, a person is unable to append his/her signature or fingerprint to a deed, another person shall do it provided he/ she indicates the reason why the person represented could not append his/her signature or fingerprint thereto.

Article 39: Inscription faite par le notaire

Le notaire fait une inscription sur les actes authentifiés, y appose sa signature et son cachet.

Un arrêté du Ministre détermine les inscriptions faites et signées par le notaire sur les actes authentifiés, les inscriptions sur les cachets ainsi que la tenue et l'utilisation de ces cachets.

Article 40: Signature des actes notariés

Au moment de la signature de l'acte, le notaire donne connaissance de son contenu et explique aux comparants le sens et les conséquences de l'acte qu'ils veulent accomplir.

Un acte devant être notarié est signé en présence du notaire par les parties et les témoins.

Si, en raison d'une quelconque invalidité, une personne ne peut signer un acte ou y apposer son empreinte digitale, une autre personne le fait pourvu qu'elle indique la raison pour laquelle la personne représentée ne pouvait pas y apposer sa

signature ou son empreinte digitale.

Mu gihe hari indi mpamvu iyo ariyo yose itari iy'ubumuga ituma umuntu ataboneka mu gihe cyo gushyira umukono cyangwa igikumwe ku nyandiko yemezwa n'umunoteri ko ari mpamo, iyo nyandiko ishyirwaho umukono n'umuhagarariye wabiherewe uruhushya n'inzego zibifitiye ububasha.

If, for any reason other than disability, a person cannot be available at the time of appending signature or fingerprint to a deed to be authenticated by a notary, his/her representative duly authorized by competent organs shall do it for him/her.

Si, pour une raison quelconque autre que l'invalidité, une personne ne peut être disponible au moment d'apposer la signature ou l'empreinte digitale sur un acte devant être authentifié par le notaire, son représentant dûment autorisé par les organes compétents le fait à sa place.

Ingingo ya 41: Inyandiko ihinduwe mu ndimi

Article 41: A translated deed

Article 41: Un acte traduit

Mu gihe inyandiko yanditswe mu rurimi rw'amahanga rutari mu ndimi zemewe mu Rwanda, inyandiko ihinduye mu rurimi rukoresha yakozwe n'uwabigize umwuga yomekwaho bisabwe n'impande zombi. Inyandiko mvaho ihinduwe mu rurimi ishyirwaho umukono na kashe by'umunoteri nk'ibyo ku nyandiko ubwayo.

If a deed is drawn up in a foreign language other than official languages of Rwanda, a certified translation done by a professional translator shall be attached thereto upon request by the parties. The copy of the original document translated shall bear the same notary's signature and stamps as the deed itself.

Si un acte est rédigé dans une langue étrangère autre que les langues officielles du Rwanda, une traduction certifiée conforme faite par un traducteur professionnel y est jointe à la demande des parties. Il est apposé sur la copie de l'acte original traduit la même signature et les mêmes cachets du notaire que l'acte lui-même.

Ingingo ya 42: Inyandiko umunoteri atemerewe gushyiraho umukono

Article 42: Documents to which a notary is not authorized to append his/her signature

Article 42: Actes sur lesquels le notaire est interdit d'apposer sa signature

Umunoteri ntiyemerewe gushyira umukono we ku nyandiko mu gihe idahuje n'ibiteganywa n'amategeko.

The notary shall not be authorized to append his/her signature to a document in case such a document is incompatible with laws.

Il est interdit à un notaire d'apposer sa signature sur un acte non conforme aux dispositions légales.

Iyo umuntu atashyiriwe umukono ku nyandiko n'umunoteri abisabye mu nyandiko,

If a person is denied a notary signature on a document, reasons for such refusal shall be

Si une personne se voit refuser une signature du notaire, la raison de ce refus

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

agaragarizwa mu nyandiko impamvu zabiteye.

furnished to him/her in writing if he/she so requests it in writing.

lui est donnée par écrit s'il le demande par écrit.

Ingingo ya 43: Kwanga gusubiza inyandiko nyirayo

Article 43: Refusal to return a document to its owner

Article 43: Refus de retourner un document à son propriétaire

Mu gihe umunoteri asanze inyandiko yashyikirijwe idahuje n'ukuri, afite uburenganzira bwo kutayisubiza nyirayo, ariko akamuha icyemezo ko ayisigaranye. Iyo nyandiko ishyikirizwa inzego zibifitiye ububasha.

In case a notary finds out that a document submitted to him/her is not in conformity with the truth, he/she shall have the right to refuse to return it to its owner but shall give him/her a written affidavit certifying that the document is withheld. Such a document shall be submitted to relevant organs.

Au cas où le notaire découvre qu'un document lui soumis n'est pas conforme à la vérité, il a le droit de refuser de le retourner à son propriétaire mais lui fournit une déclaration écrite attestant que son document est retenu. Ce document est remis aux organes compétents.

Ingingo ya 44: Kuregera inkiko icyemezo cy'umunoteri

Article 44: Filing a court case against the decision of a notary

Article 44: Demande en justice contre la décision du notaire

Nyir'inyandiko cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu aregera inkiko icyemezo cy'umunoteri iyo:

The owner of a document or any other interested person shall file a court case against the decision of a notary if:

Le propriétaire d'un document ou toute autre personne intéressée intente une action en justice contre la décision d'un notaire lorsque:

1° hari umuntu wumva ko inyandiko yashyizweho umukono n'umunoteri idahuje n'ukuri cyangwa amategako;

1° a person considers that the notarized document does not conform either to the truth or to the law;

1° cette personne estime que l'acte notarié n'est pas conforme ni à la vérité ni à la loi;

2° nyir'inyandiko cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu abona ko nta mpamvu yemewe n'amategako yatumye iyo nyandiko idashyirwaho umukono;

2° the owner of the document or any other interested person considers that there is no legal justification for refusal to notarize the document;

2° le propriétaire de l'acte ou toute autre personne intéressée estime qu'il n'y a aucune justification légale au refus d'authentifier cet acte;

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

3° umunoteri yanze gusubiza inyandiko nyirayo.	3° the notary refuses to return the document to its owner.	3° le notaire refuse de retourner l'acte à son propriétaire.
Icyo kirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha ruri mu ifasi ibiro by'uwo munoteri bibarizwamo.	Such a legal action shall be brought before a competent court of law having territorial jurisdiction in the place of location of the notary's office	Une telle action est intentée devant la juridiction compétente du ressort de l'office notarial de ce notaire.
<u>Icyiciro cya 3:</u> Iyandikwa n'ibikwa ry'inyandiko mpamo zitanzwe n'umunoteri	<u>Section 3:</u> Registration and keeping of authentic deeds issued by a notary	<u>Section 3:</u> Enregistrement et conservation des actes authentiques délivrés par le notaire
<u>Ingingo ya 45:</u> Ibikwa ry'inyandiko mpamo zitanzwe n'umunoteri	<u>Article 45:</u> Keeping of authentic deeds issued by a notary	<u>Article 45:</u> Conservation des actes authentiques délivrés par le notaire
Inyandiko mpamo zibikwa n'umunoteri w'urwego zakoreweho, zigahabwa abo bireba igihe bibaye ngombwa. Urwego akoramo rumworohereza mu kumuha ububiko bwabugenewe.	Authentic deeds shall be kept by the notary at the entity where they are drawn up and given to the concerned person if necessary. The entity in which the notary works shall assist him/her in securing an appropriate place for keeping such deeds.	Les actes authentiques sont conservés par le notaire près l'entité au niveau de laquelle ils sont établis et sont donnés aux personnes concernées en cas de besoin. L'entité au sein de laquelle le notaire travaille l'assiste pour trouver un lieu approprié pour leur conservation.
Umunoteri abika buri kopi y'inyandiko ifite inomero yahawe mu gitabo kibikwamo impapuro uko zije.	The notary shall keep the original of each deed with its own order number in a register in which deeds are kept once received.	Le notaire conserve chaque minute de l'acte portant un numéro d'ordre dans un registre dans lequel sont gardés les actes une fois reçus.
Igihe giteganywa cyo kubika inyandiko mpamo zashyizweho umukono n'umunoteri ni imyaka ijana (100).	The legally required period for keeping notarized deeds shall be one hundred (100) years.	La durée légale de conservation des actes notariés est de cent (100) ans.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Umunoteri ubitse inyandiko mpamo y'umwimerere ashobora kuyiha abayifiteho uburenganzira, ari uko babisabye mu nyandiko.	The notary having custody of the original copy of an authentic deed may issue it to those entitled thereto upon written request.	Le notaire dépositaire de la minute d'un acte authentique peut la délivrer aux ayants droit sur demande écrite.
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo umunoteri wikorera abika inyandiko mpamo.	An Order of the Minister shall determine modalities for conservation of authentic deeds by a private notary.	Un arrêté du Ministre détermine les modalités de conservation des actes authentiques par le notaire privé.
<u>Ingingo ya 46:</u> Iyandikwa ry'inyandiko mpamo z'umunoteri	<u>Article 46:</u> Registration of authentic deeds of a notary	<u>Article 46:</u> Enregistrement des actes authentiques du notaire
Umunoteri abika urutonde rw'inyandiko mpamo zose yakiriye. Urwo rutonde rukorwa mu nkingi zihagaritse mu gitabo. Inyandiko zuzuzwamo nta mwanya usigayemo. Inyandiko zose zatanzwe n'umunoteri, keretse inyandiko z'irage, zandikwa mu rutonde rumwe.	The notary shall maintain a directory of all authentic deeds he/she receives. The directory shall be entered in columns. Deeds shall be entered therein without any blank space or interval. All notarized deeds, with the exception of wills, shall be recorded under a single directory.	Le notaire tient un répertoire de tous les actes authentiques qu'il reçoit. Le répertoire est en colonnes. Les actes y sont inscrits sans blanc ni intervalle. Tous les actes notariés, mise à part les testaments, sont enregistrés sous un même répertoire.
Buri nyandiko ishyizwe ku rutonde rw'inyandiko mpamo, iba ikubiyemo ibi bikurikira:	Each inclusion in the directory of authentic deeds shall comprise the following information:	Chaque inscription au répertoire des actes authentiques, contient les mentions suivantes:
1° inomeru, itariki, imiterere n'incamake y'ibikubiye muri iyo nyandiko;	1° number, date, nature and summary of the content of the deed;	1° le numéro, la date, la nature et le résumé du contenu de l'acte;
2° amazina yose y'impane zose ku birebana n'abantu, aho batuye n'aho babarizwa;	2° names of all parties for natural persons, their place of residence and domicile;	2° les noms et prénoms de toutes les parties pour les personnes physiques, leur résidence et leur domicile;
3° izina ry'isosiyete, aho icyicaro gikuru cyayo kiri ndetse n'amazina	3° business name and place of the head office of a company as well as	3° la raison sociale et le lieu du siège d'une entreprise ainsi que les noms

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

y'abayihagarariye imbere y'amategeko;	names of its legal representatives;	et prénoms de ses représentants légaux;
4° inyandiko igaragaza umwirondoro w'umuntu cyangwa uw'umuhagarariye;	4° a document attesting the identity of a natural person or that of his/her representative;	4° le document qui atteste l'identité d'une personne physique ou de son représentant;
5° umubare w'ibyo bagenerwa;	5° the amount of their emoluments;	5° le montant de leurs émoluments;
6° umukono w'ugenewe inyandiko;	6° signature of the recipient of the deed;	6° la signature du destinataire de l'acte ;
7° imikono y' abahamya niba bahari.	7° signatures of witness, if any.	7° la signature des témoins, le cas échéant.

Ingingo ya 47: Igitabo cy'inyandiko z'irage

Umunoteri ufite ububasha bwo kwemeza ko inyandiko z'irage n'inyandiko zizambura agaciro ari mpamo, agomba kugira igitabo cyandikwamo izo nyandiko.

Article 47: Register of wills

The notary competent to authenticate wills and deeds revoking wills, must keep a register of wills.

Article 47: Registre des testaments

Le notaire compétent en matière d'authentification des testaments et des actes portant leur révocation doit tenir un registre des testaments.

Ingingo ya 48: Itangwa rya kopi y'ibyanditswe mu gitabo cy'umunoteri

Iyo abisabwe n'umuntu wakorewe inyandiko cyangwa urwego rubifitiye ububasha, umunoteri ashobora gutanga kopi ya bimwe mu byanditswe mu gitabo cye.

Article 48: Issuance of extract of notary's register

The notary may issue, upon request by the person for whom a notarized deed was drawn up or the competent organ, an extract of notary's register.

Article 48: Délivrance d'un extrait du registre notarial

Le notaire peut, sur demande de la personne pour laquelle un acte notarié a été établi ou de l'organe compétent, délivrer un extrait du registre notarial.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Icyiciro cya 4: Uguhamya imikono bikozwe n'umunoteri

Section 4: Authentication of signatures by notary

Section 4: Légalisation de signatures par le notaire

Ingingo ya 49: Guhamya imikono

Article 49: Authentication of signatures

Article 49: Légalisation de signatures

Umunoteri ahamya ko imikono yashyizwe ku nyandiko ari iya ba nyirayo.

A notary shall authenticate signatures affixed on documents.

Un notaire procède à la légalisation des signatures apposées sur des documents.

Inyandiko zahamijwe imikono n'umunoteri ziba inyandiko mpamo.

Deeds whose signatures are authenticated shall be authentic.

Les actes dont les signatures sont légalisées sont authentiques.

Mu gihe cyo guhamya ko umukono ari nyawo, umunoteri asuzuma cyane cyane ibi bikurikira:

While authenticating signatures, the notary shall verify especially the following :

Lors de la légalisation de signatures, le notaire vérifie notamment ce qui suit:

1° umwirondoro w'abashyira umukono ku nyandiko;

1° identification of the persons who sign;

1° l'identification des signataires;

2° ububasha n'ubushobozi bwabo mu rwego rw'amategeko;

2° legal status and capacity of the persons who sign;

2° le statut et la capacité juridiques des signataires;

3° ukuri kw'imikono;

3° authenticity of signatures;

3° l'authenticité des signatures;

4° ireme ry'ibikubiye mu nyandiko;

4° consistency of the content of the document;

4° la consistance du contenu du document;

5° ubwishyu bw'amafaranga ateganyijwe n'iri tegeko.

5° payment of fees provided for by this Law.

5° le paiement des frais prévus par la présente loi.

Umunoteri ahamya ko imikono iri ku nyandiko, ariko ntahamya ukuri kw'ibikubiye muri iyo nyandiko.

The notary shall authenticate signatures on documents, not the content of such documents.

Le notaire légalise la signature apposée sur des documents et non le contenu de ces documents.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Ingingo ya 50: Kwemeza no guhamya ukuri kw'imikono y'amasezerano arebana n'umutungo utimukanwa

Ukwemeza no guhamya ukuri kw'imikono mu birebana no guhererekanya hagati y'abantu bakiriho, uburenganzira ku butaka ndetse n'undi mutungo utimukanwa bikurikiza igenzurwa n'indi mihango byihariye biteganywa mu ingingo ya 37 y'iri tegeko.

Ingingo ya 51: Gutesha agaciro inyandiko yashyizweho umukono n'umunoteri

Inyandiko yose yemejwe n'umunoteri mu buryo budakurikije amategeko iteshwa agaciro n'urukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 52: Kwemeza ukuri kw'inyandiko y'iheshabubasha

Umunoteri ubifitiye ububasha yemerewe kwemeza ko inyandiko y'iheshabubasha yo gukora mu izina ry'undi muntu umwe cyangwa benshi yahawe umuntu umwe cyangwa benshi ari ukuri.

Iheshabubasha rifatwa nk'amasezerano hatitawe ku cyo ubwo bubasha butanzwe buzakoreshwa.

Ukwemeza bikorwa hakurikijwe ibiteganywa

Article 50: Authentication of signatures on contracts related to immovable property

Authentication of signatures for inter vivos transfer of rights on lands and other immovable property shall be subject to verifications and particular formalities provided for by Article 37 of this Law.

Article 51: Nullification of a notarized deed

Any deed authenticated by a notary in violation of the law shall be nullified by a competent court.

Article 52: Certification of a power of attorney

The competent notary shall be qualified to certify the authenticity of a power of attorney issued to one or more persons in order to act on behalf of one or more persons.

The power of attorney shall be considered as an agreement irrespective of its intended purpose.

The certification shall be done in

Article 50: Légalisation de signatures des contrats portant sur les biens immobiliers

La légalisation des signatures pour les cessions entre vifs des droits sur les terres et autres biens immobiliers est soumise aux vérifications et formalités particulières prévues à l'article 37 de la présente loi.

Article 51: Annulation d'un acte notarié

Tout acte authentifié par le notaire en contravention avec la loi est rendu nul par une juridiction compétente.

Article 52: Certification d'une procuration

Le notaire compétent est habilité à certifier l'authenticité d'une procuration délivrée à une ou plusieurs personnes pour agir au nom d'une ou de plusieurs personnes.

La procuration est considérée comme un accord quelles que soient les fins auxquelles cette procuration est délivrée.

La certification se fait conformément aux

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

n'ingingo ya 49 y'iri tegeko.

accordance with the provisions of article 49 of this Law.

dispositions de l'article 49 de la présente loi.

Ingingo ya 53: Umubare wa kopi zishyikirizwa umunoteri

Article 53: Number of copies submitted to the notary

Article 53: Nombre d'exemplaires présentés au notaire

Umunoteri ashikirizwa nibura kopi ebyiri (2) z'amasezerano, iz'inyandiko y'irage, iz'iheshabubasha cyangwa indi nyandiko igomba kwemezwa n'umunoteri ko ari mpamo.

There shall be presented to the notary at least two (2) copies of a contract, a will, a power of attorney or any other document to be authenticated.

Il est présenté au notaire au moins deux (2) exemplaires du contrat, du testament, de la procuration ou de l'autre acte à authentifier.

Imwe muri izo kopi ibikwa mu biro by'umunoteri.

One of the copies shall be kept at the notary's office.

L'un de ces exemplaires est gardé à l'office notarial.

Icyiciro cya 5: Agaciro k'inyandiko zemejwe n'umunoteri wo mu mahanga

Section 5: Probative value of deeds notarized by a foreign notary

Section 5: Force probante des actes notariés par un notaire étranger

Ingingo ya 54: Agaciro k'inyandiko zemejwe n'umunoteri wo mu mahanga

Article 54: Probative value of deeds notarized by a foreign notary

Article 54: Force probante des actes notariés par un notaire étranger

Inyandiko zemezwa n'umunoteri wo mu mahanga zifite agaciro kangana n'ako zifite mu gihugu zakorewemo.

Deeds notarized by a foreign notary shall have the same probative value as in their country of issuance.

Les actes notariés passés devant un notaire étranger ont la même force probante que dans le pays où ils ont été établis.

Ikimenyetso cy'uko izo nyandiko ari mpamo kiva ku kubanza kwemerwa na Ambassade mu Rwanda y'igihugu iyo nyandiko yakorewemo.

The proof of their authenticity shall result from their confirmation by the Embassy based in Rwanda of the country where the deed was issued.

La preuve de leur authenticité résulte de la confirmation effectuée par l'Ambassade au Rwanda du pays où l'acte a été établi.

Iyo nyandiko yemezwa kandi na serivisi za Minisiteri ifite Ububanyi n'Amahanga mu nshingano zayo.

Such a deed shall also be authenticated by relevant services within the Ministry in charge of foreign affairs.

Cet acte est également légalisé par les services compétents du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Inyandiko zitemejwe hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo, zemerwa gusa iyo biteganywa n'amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda.

Deeds which are not authenticated in accordance with the provisions of Paragraphs 2 and 3 of this Article shall be accepted only if it is provided for by the law or by the treaties or international agreements ratified by Rwanda.

Les actes non légalisés conformément aux dispositions des alinéas 2 et 3 du présent article ne sont acceptés que s'il est ainsi prévu par la loi ou par les traités ou accords internationaux ratifiés par le Rwanda.

Mu gihe cy'amasezerano mpuzamahanga, ishyingirwa mu bikorwa ry'izo nyandiko rigengwa n'ibiteganywa na yo.

In case of treaties and international agreements, the execution of such deeds shall be governed by the provisions of such treaties or agreements.

En cas de traités ou accords internationaux, l'exécution de tels actes est régie par les dispositions desdits traités ou accords.

Ingingo ya 55: Serivisi z'umunoteri zikorera Abanyarwanda baba mu mahanga, ibigo n'imiryango bigengwa n'amategeko yo mu mahanga

Article 55: Notarial services for Rwandan nationals, enterprises and organizations governed by foreign law

Article 55: Services notariaux pour ressortissants rwandais, entreprises et organismes de droit étranger

Abanyarwanda baba mu mahanga bakeneye inyandiko zisaba umukono w'umunoteri babikorera imbere ya Ambasaderi cyangwa Umunyamabanga wa mbere muri Ambassade iyo Ambasaderi adahari.

Rwandan nationals in foreign countries who need their documents to be notarized, shall go before the Ambassador or the First Secretary of Embassy in the absence of the Ambassador.

Les ressortissants rwandais vivant à l'étranger qui ont besoin d'authentifier leurs documents s'adressent à l'Ambassadeur ou au Premier Secrétaire d'Ambassade en cas d'absence de l'Ambassadeur.

Abahagarariye ibigo n'imiryango bigengwa n'amategeko yo mu mahanga, bikeneye inyandiko zisaba umukono w'umunoteri bashobora kuja kwa noteri w'igihugu cyabo, kwa Ambasaderi w'u Rwanda cyangwa k'Umunyamabanga wa mbere muri Ambassade iyo Ambasaderi adahari kugira ngo bahabwe iyo serivisi.

Representatives of enterprises and organizations governed by foreign law who need their documents to be notarized, can seek such service to the notary from their country, the Ambassador or the First Secretary of Embassy in the absence of the Ambassador.

Les représentants des entreprises et organisations de droit étranger qui ont des actes à authentifier, peuvent s'adresser au notaire de leur pays, à l'Ambassadeur du Rwanda ou au Premier Secrétaire d'Ambassade en cas d'absence de l'Ambassadeur.

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

Icyakora, umunoteri wo mu mahanga ntashobora kwemeza ukuri kw'inyandiko zerekeranye n'amasezerano y'iherekanya ry'umutungo utimukanwa uri mu Rwanda.

However, a foreign notary cannot authenticate contracts on transfer of immovable property located in Rwanda.

Toutefois, un notaire étranger ne peut pas authentifier des contrats de transfert d'une propriété immobilière située au Rwanda.

Ingingo ya 56: Kujuririra icyemezo cy'ubunoteri cyafashwe n'Ambasaderi cyangwa umunyamabanga wa mbere muri Ambassade

Article 56: Appeal against notarial matters-related decision made by Ambassador or First Secretary of Embassy

Article 56: Recours contre une décision en matière notariale prise par l'Ambassadeur ou le Premier Secrétaire d'Ambassade

Icyemezo cy'ubunoteri cyafashwe n'Ambasaderi cyangwa Umunyamabanga wa mbere muri Ambassade kijyanye no kudashyira umukono ku nyandiko cyangwa kwanga kuzitanga kijuririrwa hakurikijwe amategeko agenga za Ambassade z'u Rwanda.

Appeal against notarial matters-related decision made by Ambassador or First Secretary of Embassy as regards his/her refusal to provide notarial services or return of the documents shall be made in compliance with laws governing Rwanda's diplomatic missions.

Le recours contre la décision en matière notariale prise par l'Ambassadeur ou le Premier Conseiller d'Ambassade en cas de refus de prestation de services notariaux ou de refus de délivrer les actes, est introduit selon les dispositions légales et réglementaires régissant les missions diplomatiques du Rwanda.

UMUTWE WA VI: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 57: Abanoteri bari mu mirimo mbere y'uko iri tegeko ritangazwa

Article 57: Notaries in office before the publication of this law

Article 57: Notaires en fonction avant la publication de la présente loi

Abanoteri bari mu mirimo mbere y'uko iri tegeko ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda bakomeza imirimo yabo.

Notaries in office before the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall remain in office.

Les notaires en fonction avant la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda restent en fonction.

Icyakora abanoteri batujuje ibisabwa n'iri tegeko, bahawe igihe kitarengeje amezi cumi

However, notaries who do not fulfill the conditions provided for in this Law shall

Toutefois, les notaires qui ne remplissent pas les conditions requises par la présente

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

n'abiri (12) kugira ngo babe babyujuje.

be required to fulfill such conditions within twelve (12) months.

loi sont tenus de remplir ces conditions dans un délai ne dépassant pas douze (12) mois.

Ingingo ya 58: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Article 58: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 58: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi w'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en français, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 59: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 59: Repealing provisions

Article 59: Disposition abrogatoire

Itegeko ryo kuwa 17 Ugushyingo 1953 rigenga inyandiko zishyirwaho umukono wa Noteri n'izindi ngingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo, bivanyweho.

The Decree of 17 November 1953 relating to notarized deeds and all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Le Décret du 17 novembre 1953 relatif aux actes notariés et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogés.

Ingingo ya 60: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 60: Commencement

Article 60: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **21/05/2014**

Kigali, on **21/05/2014**

Kigali, le **21/05/2014**

Official Gazette n° Special bis of 29/05/2014

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux